**Additional file 1. Herth Hope Index-Kinyarwanda**

Amabwiriza:

Turaza kubabaza ibibazo cumi na bibiri namwe musubize muri rusange uko mubyumva. Muraza gusubiza mbere yego cyangwa oya, mukurikije uko ikibazo kibaza. Murakomeza gusobanura icyo gisubizo cyanyu mukurikije uko mwemera/mwumva ikibazo mugendeye/mwifashishije ibikombe kuva ku gikombe kirimo ubusa kugera ku gikombe cyuzuye/Gisendereye. Igikombe kirimo ubusa aricyo 1 ni igihe utemera na gato ikibazo cyangwa bitajya bikubaho na gato, naho igikombe cyuzuye aricyo 4 ni igihe wemera cyane ikibazo cyangwa bijya bikubaho kenshi.

*Ubaza aha urupapuro ubazwa ruriho ibikombe akaba arufite mu ntoki ze, bityo ubazwa akaba yakwihitiramo igisubizo kuri buri kibazo yifashishije urwo rupapuro ruriho ibikombe.*

| | **1** | **2** | **3** | **4** |
|---|---|---|---|---|
| 1. Wumva wizeye ko ubuzima bwawe cyangwa imibereho yawe bizaba byiza kurushaho mu bihe biri imbere? Gereranya uko icyizere cyawe kingana wifashishije kimwe muri ibi bikombe. | | | | |
| 2. Wumva hari intego uteganya kugeraho mu bihe biri imbere? Gereranya intego ufite na kimwe muri ibi bikombe. | | | | |
| 3. Ujya wumva ko ushobora kubona inzira zo kuva mu bibazo mu gihe uhuye nabyo? Gereranya uburyo ubona inzira zo kuva mu bibazo uhura nabyo wifashishije kimwe muri ibi bikombe. | | | | |

| | 1 | 2 | 3 | 4 |
|---|---|---|---|---|
| 4. Ese ukwemera kwawe wumva hari icyo kugufasha mubuzima bwa buri munsi? Gereranya uko wumva ukwemera kwawe kugufasha mu buzima bwa buri munsi wifashishije kimwe muri ibi bikombe. | | | | |
| 5. Ese ujya wibuka ibihe bishimishije byakubayeho? Gereranya uburyo wibuka ibihe bishimishije byakubayeho wifashishije kimwe muri ibi bikombe. | | | | |
| 6. Wumva wifitemo imbaraga zigutera gukomera mu buzima bwa buri munsi? Gereranya imbaraga wifitemo na kimwe muri ibi bikombe. | | | | |
| 7. Muri wowe wumva, ukunda kandi ukunzwe? Gereranya uburyo ukunda kandi wumva ukunzwe ukoresheje kimwe muri ibi bikombe. | | | | |
| 8. Ese waba ufite icyerekezo cy'aho ushaka kugera mu buzima bwawe? Gereranya uko kugira icyerekezo kwawe na kimwe muri ibi bikombe. | | | | |
| 9. Ese wemera ko umunsi uwo ari wo wose ugira ibyiza byawo? Gereranya uko kwemera kwawe na kinwe muri ibi bikombe. | | | | |

| | 1 | 2 | 3 | 4 |
|---|---|---|---|---|
| 10. Ese wumva ubuzima bwawe bufite agaciro kandi bugakwiriye? Gereranya uko wumwa agaciro k'ubuzima bwawe na kimwe muri ibi bikombe. | | | | |
| 11. Ubona muri rusange abantu baragutereranye ku buryo ubona nta n'umwe ukwitayeho? Gereranya ugutereranwa kwawe na kimwe muri ibi bikombe.<br><br>Icyitonderwa: Iki kibazo gitandukanye n'ibindi bibazo. Agakombe kuzuye gasobanura ko umuntu yatereranywe cyane kandi ko nta numwitayeho, naho agakombe karimo ubusa, gasobanura ko utatereranye na gato kandi ko witaweho muri rusange. | | | | |
| 12. Ujya wumva utewe ubwoba n'ejo hazaza hawe? Gereranya ubwoba ugirira ejo hazaza na kimwe muri ibi bikombe.<br><br>Icyitonderwa: Iki kibazo gitandukanye n'ibindi bibazo. Agakombe kuzuye gasobanura ko ufite ubwoba bwinshi bw'ejo hazaza hawe, naho agakombe karimo ubusa, gasobanura ko nta bwoba bw'ejo hazaza ufite. | | | | |


1
2
3
4